

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 143/03 RYO KUWA 13/12/2010 RISHYIRAHO KOMITE Y'IGIHUGU YEREKEYE UMUNTU N'INDIRI Y'IBINYABUZIMA PRIME MINISTER'S ORDER N° 143/03 OF 13/12/2010 ON THE ESTABLISHMENT OF THE NATIONAL MAN AND BIOSPHERE COMMITTEE ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°143/03 DU 13/12/2010 PORTANT CREATION DU COMITE NATIONAL DE L'HOMME ET LA BIOSPHERE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho rya Komite

Article One: Establishment of Committee

Article premier: Création du Comité

Ingingo ya 2: Intego y'ingenzi

Article 2: Main objective

Article 2: Objectif principal

Ingingo ya 3: Ubuyobozi n'ubufatanye

Article 3: Supervision and collaboration

Article 3: Tutelle et collaboration

**UMUTWE WA II: UBUBASHA
N'INSHINGANO**

**CHAPTER II: PREROGATIVES AND
RESPONSIBILITIES**

**CHAPITRE II: PREROGATIVES ET
ATTRIBUTIONS**

Ingingo ya 4: Ububasha bwa Komite

Article 4: Prerogatives of the Committee

Article 4: Prérrogatives du Comité

Ingingo ya 5: Inshingano

Article 5: Responsibilities

Article 5: Attributions

UMUTWE WA III: IMITERERE

CHAPTER III: ORGANISATION

CHAPITRE III: ORGANISATION

Ingingo ya 6: Abagize Komite

Article 6: Composition of the Committee

Article 6: Composition du Comité

Ingingo ya 7: Biro

Article 7: Bureau

Article 7: Bureau

Ingingo ya 8: Utunama dushinzwe ibibazo byo mu rwego rwa tekiniiki

Article 8: Technical Sub-Committees

Article 8: Sous-comités techniques

UMUTWE WA III: IMIKORERE

CHAPTER III: FUNCTIONING

CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT

<u>Ingingo ya 9:</u> Imikorere ya Biro	<u>Article 9:</u> Functioning of the Bureau	<u>Article 9:</u> Fonctionnement du Bureau
<u>Ingingo ya 10:</u> Inama za Komite	<u>Article 10:</u> Committee meetings	<u>Article 10:</u> Réunions du Comité
<u>Ingingo ya 11:</u> Ingingo y'imari na gahunda y'ibikorwa	<u>Article 11:</u> Budget and Plan of Action	<u>Article 11:</u> Budget et programme d'activités
<u>Ingingo ya 12:</u> Ibihabwa abitabiriye inama	<u>Article 12:</u> Sitting allowances	<u>Article 12:</u> Jeton de présence
<u>Ingingo ya 13:</u> Amategeko ngengamikorere	<u>Article 13:</u> Internal Rules of procedure	<u>Article 13:</u> Règlement d'ordre intérieur
<u>Ingingo ya 14:</u> Guhuza ibikorwa	<u>Article 14:</u> Coordination of activities	<u>Article 14:</u> Coordination des activités
UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA	CHAPTER III: FINAL PROVISIONS	CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo 15:</u> Abashinzwe kubahiriza iri teka	<u>Article 15:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 15:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 16:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 16:</u> Repealing provision	<u>Article 16:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo 17:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	<u>Article 17:</u> Commencement	<u>Article 17:</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 143/03 RYO KUWA 13/12/2010 RISHYIRAHO KOMITE Y'IGIHUGU YEREKEYE UMUNTU N'INDIRI Y'IBINYABUZIMA

PRIME MINISTER'S ORDER N° 143/03 OF 13/12/2010 ON THE ESTABLISHMENT OF THE NATIONAL MAN AND BIOSPHERE COMMITTEE

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°143/03 DU 13/12/2010 PORTANT CREATION DU COMITE NATIONAL DE L'HOMME ET LA BIOSPHERE

Minisitiri w'Intebe;

The Prime Minister;

Le Premier Ministre;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 119, 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 119, 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, de sauvegarder et de promouvoir l'environnement au Rwanda;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2006 ryo kuwa 03/04/2006 rigena imiterere, imikorere n'inshingano by'Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije;

Pursuant to Law n° 16/2006 of 03/04/2006 determining the organisation, functioning and responsibilities of Rwanda Environment Management Authority;

Vu la Loi n° 16/2006 du 03/04/2006 portant organisation, fonctionnement et attributions de l'Office rwandais de protection de l'environnement;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 12 ter/01 ryo kuwa 27/03/2003 ryerekeye imivugururire n'imitunganyirize bishya bya Komisiyo y'Igihugu ikorana n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco, cyane cyane ku mugereka waryo wa 2, 2.B;

Pursuant to Presidential Order n° 12 ter/01 of 27/03/2003 on the restructuring and reorganisation of the Rwandan National Commission for United Nations Educational, Scientific and Cultural Organisation, especially in Annex 2, 2.B;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 12 ter /01 du 27/03/2003 portant restructuration et réorganisation de la Commission Nationale Rwandaise pour l'Organisation des Nations Unies pour l'Education, la Science et la Culture, spécialement en son Annexe 2, 2.B ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 23/06/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 23/06/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 23/06/2010;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho rya Komite

Article One: Establishment of Committee

Article premier: Création du Comité

Hashyizweho Komite y'Igihugu yerekeye umuntu n'indiri y'ibinyabuzima yitwa "Komite" muri iri teka.

A National Man and Biosphere Committee referred to as a "Committee" in this Order is hereby established.

Il est créé un Comité National de l'Homme et de la biosphère dénommé « Comité » aux termes du présent arrêté.

Ingingo ya 2: Intego y'ingenzi

Article 2: Main objective

Article 2: Objectif principal

Intego y'ingenzi ya Komite ni ugushyigikira no guteza imbere ibikorwa bya porogaramu mpuzamahanga yerekeye umuntu n'indiri y'ibinyabuzima y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco mu Rwanda.

The Committee's main objective shall be to promote and develop the activities of the International Man and Biosphere Programme of the United Nations Educational, Scientific and Cultural Organisation in Rwanda.

Le Comité a pour objectif principal de promouvoir et de développer les activités du programme international homme et la biosphère de l'Organisation des Nations Unies pour l'Education, la Science et la Culture au Rwanda.

Ingingo ya 3: Ubuyobozi n'ubufatanye

Article 3: Supervision and collaboration

Article 3: Tutelle et collaboration

Komite irebererwa mu rwego rw'ubuyobozi na Minisiteri ifite ibidukikije mu nshingano zayo kandi akaba ari na yo igenzura ibikorwa n'imikorere byayo binyuze mu Kigo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije.

The Committee shall be under the administrative supervision of the Ministry in charge of environment which shall supervise its activities and functioning through Rwanda Environment Management Authority.

Le Comité est placé sous la tutelle administrative du Ministère ayant l'environnement dans ses attributions qui supervise ses activités et son fonctionnement à travers l'Office rwandais de protection de l'environnement.

Komite igirana ubufatanye bwa hafi na Komisiyo y'u Rwanda ikorana n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco.

The Committee shall work in close collaboration with the Rwandan National Commission for United Nations Educational, Scientific and Cultural Organisation.

Le Comité collabore étroitement avec la Commission Nationale Rwandaise pour l'Organisation des Nations Unies pour l'Education, la Science et la Culture.

UMUTWE WA II: UBUBASHA N'INSHINGANO

CHAPTER II: PREROGATIVES AND RESPONSIBILITIES

CHAPITRE II: PREROGATIVES ET ATTRIBUTIONS

Ingingo ya 4: Ububasha bwa Komite

Bitabangamiye ibiteganyijwe mu ngingo ya 13 y'iri teka, Komite ifite ububasha bwo gutangiza imishinga yo mu rwego rw'ubumenyi n'ubufatanye butaziguye n'Inama mpuzamahanga mpuzabikorwa n'izindi Komite zerekeye umuntu n'indiri y'ibinyabuzima zo ku rwego rw'igihugu n'uturere u Rwanda rurimo, bishobora kuyifasha gufata ingamba zayorohera kuzaza inshingano zayo.

Ingingo ya 5: Inshingano

Inshingano za Komite ni izi zikurikira:

- 1° kugeza ku Nama mpuzamahanga ishinze guhuza ibikorwa bya porogamu yerekeye umuntu n'indiri y'ibinyabuzima umutungo ntavogerwa w'indiri y'ibinyabuzima watanze na Leta y'u Rwanda;
- 2° guha Leta y'u Rwanda ubufasha bwa ngombwa mu rwego rwa tekini kugira ngo hagenwe ibyanya by'umutungo ntavogerwa w'indiri y'ibinyabuzima;
- 3° kugira inama no guha ibyifuzo Leta y'u Rwanda, by'umwihariko serivisi za Leta zibishinze, ku byerekeye:

Article 4: Prerogatives of the Committee

Without prejudice to Article 13 of this Order, the Committee shall have powers for scientific initiatives and direct cooperation with International Coordinating Council as well as other national and other sub-regional Man and Biosphere Committees, which may facilitate it in taking the necessary measures for realisation of its mission.

Article 5: Responsibilities

The responsibilities of the Committee shall be as follows:

- 1° to propose to the International Man and Biosphere Programme Coordination Council the biosphere reserves submitted by the Government of Rwanda;
- 2° to provide the Government of Rwanda with technical expertise necessary to determine the biosphere reserve areas;
- 3° to advise and propose recommendations to the Government of Rwanda in particular to relevant concerned public services on

Article 4: Prerogatives du Comité

Sans préjudice de l'article 13 du présent arrêté, le Comité jouit d'une large ouverture à l'initiative scientifique et à la coopération directe avec le Conseil International de Coordination ainsi que les autres comités homme et biosphère nationaux et régionaux pouvant l'amener à prendre toutes mesures qui concourent au bon accomplissement de sa mission.

Article 5: Attributions

Les attributions du Comité sont les suivantes:

- 1° proposer au Conseil International de Coordination du Programme Homme et la Biosphère les réserves de la biosphère soumises par le Gouvernement rwandais;
- 2° fournir l'expertise nécessaire au Gouvernement Rwandais pour déterminer le zonage des aires des réserves de biosphère;
- 3° donner des conseils et des propositions au Gouvernement rwandais et en particulier aux divers services publics concernés sur:

Official Gazette n° 51 of 20/12/2010

matters relating to:

- | | | |
|---|---|--|
| a) uburyo bwo gucunga ku buryo burambye imikoreshereze y'umutungo n'ibikorwa by'abantu mu byanya ntavogerwa bituwemo n'umuntu kandi bikaba ari indiri y'ibindi binyabuzima; | a) the mechanisms for sustainable management and sustainable utilisation of resources and human activities in the buffer zones of Man and Biosphere sites; | a) les mécanismes de gestion et d'utilisation durables des ressources et des activités humaines dans les zones tampons des sites de l'Homme et de la Biosphère; |
| b) politiki cyangwa gahunda y'imicungire y'icyanya muri rusange nk'umutungo ntavogerwa w'indiri y'ibinyabuzima n'uburyo bwo gushyira mu bikorwa iyo politiki; | b) the policy or plan for the management of the entire surface considered as biosphere reserve as well as mechanisms for the implementation of the policy; | b) la politique ou le plan de gestion de l'ensemble de l'aire considérée comme réserve de biosphère ainsi que les mécanismes de mise en œuvre de cette politique; |
| c) gahunda z'ubushakashatsi, iz'ubugenzuzi bwa buri gihe, izo kwigisha, izo gutanga uburere n'izo guhugura ku byerekeye umutungo ntavogerwa w'indiri y'ibinyabuzima; | c) the programmes for research, regular monitoring, education and training with regard to biosphere reserves; | c) les programmes de recherche, de surveillance continue, d'éducation et de formation en rapport avec des réserves de biosphère; |
| 4° gukora ubuvugizi ku baturage baturiyeye ibyabo byanya, abayobozi n'abikorera ku giti cyabo mu rwego rwo guhanga no gushyira mu bikorwa imitunganyirize y'umutungo ntavogerwa w'indiri y'ibinyabuzima; | 4° to make advocacy with local communities, authorities and the private sector with a view to the design and implementation of the biosphere reserve functions; | 4° faire le plaidoyer auprès des communautés locales, des autorités et auprès du secteur privé en vue de la conception et de la mise en œuvre des fonctions de la réserve de biosphère; |
| 5° guteza imbere uburezi ku bidukikije, amahugurwa no kongerera abakozi agaciro n'ubumenyi, mu bufatanye bw'indi mitungo y'indiri y'ibinyabuzima ikubiye mu Rugaga rw'isi rushinzwe umutungo w'indiri y'ibinyabuzima; | 5° to promote environmental education, training and enhancement of human resources, in partnership with other biosphere reserves within the World Network of Biosphere Reserves ; | 5° promouvoir l'éducation environnementale, la formation et la mise en valeur des ressources humaines, en coopération avec d'autres réserves de biosphère au sein du Réseau mondial des réserves de biosphère; |

Official Gazette n° 51 of 20/12/2010

6° kugeza kuri Leta y'u Rwanda ingamba za ngombwa mu gushyira mu bikorwa amategeko agenga Urugaga rw'isi rushinzwe umutungo w'indiri y'ibinyabuzima;

7° kugira uruhare mu bikorwa by'ubufatanye by'Urugaga rw'Isi rushinzwe umutungo w'indiri y'ibinyabuzima;

8° gushyigikira igikorwa cyo guteza imbere guhanahana amakuru mu Rugaga rw'Isi rushinzwe umutungo w'indiri y'ibinyabuzima;

9° kubera imboni n'umuhuza w'Inama mpuzamahanga yo guhuza ibikorwa byerekeye umuntu n'indiri y'ibinyabuzima n'ibigo by'Igihugu mu ishyirwa mu bikorwa bya porogaramu yerekeye umuntu n'indiri y'ibinyabuzima;

10° kugeza ku rwego rukuriye Komite gahunda y'ibikorwa na raporo bya buri mwaka no kugenera kopi abandi bafatanyabikorwa b'ingenzi.

6° to recommend to the Government of Rwanda measures necessary for the application of the statutory framework of the World Network of Biosphere Reserves;

7° to participate in cooperation activities of the World Network of Biosphere Reserves;

8° to encourage the development of information sharing within the World Network of Biosphere Reserves;

9° to act as a focal point and an intermediary between Man and Biosphere International Coordinating Council and national institutions in the implementation of the Man and Biosphere Programme activities;

10° to submit Annual Action Plan and progress report to the parent organ with a copy to other key partners.

6° faire des propositions au Gouvernement rwandais, des mesures nécessaires pour la mise en application du cadre statutaire du Réseau mondial des réserves de biosphère;

7° participer aux activités de coopération du Réseau mondial des réserves de biosphère;

8° favoriser le développement d'échanges d'informations au sein du Réseau mondial des réserves de biosphère;

9° servir de point focal et d'intermédiaire entre le Conseil International de Coordination du Programme Homme et la Biosphère et les institutions nationales dans la réalisation des activités de ce programme;

10° présenter un plan d'action et un rapport annuels à l'organe de tutelle et en informer les autres partenaires clés.

UMUTWE WA III: IMITERERE

Ingingo ya 6: Abagize Komite

Komite igizwe n'aba bakurikira:

CHAPTER III: ORGANISATION

Article 6: Composition of the Committee

The Committee shall be composed of the following members:

CHAPITRE III: ORGANISATION

Article 6: Composition du Comité

Le Comité est composé des membres suivants:

Official Gazette n° 51 of 20/12/2010

1° Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kurengera ibidukikije;	1° the Director of Rwanda Environment Management Authority;	1° le Directeur de l'Office rwandais de protection de l'environnement;
2° Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibyanya birinzwe;	2° the Director of a National Institution in charge of protected areas;	2° le Directeur de l'institution nationale en charge des aires protégées;
3° Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gucunga no guteza imbere amashyamba;	3° the Director of National Forestry Authority;	3° le Directeur de l'Office Rwandais de gestion et de promotion des forêts;
4° Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'ubutaka;	4° the Director of National Land Centre ;	4° le Directeur du Centre National de Gestion Foncière;
5° Umuyobozi w'Ishami ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga muri Komisiyo y'u Rwanda ikorana n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco;	5° the Director of Sciences and Technology Unit within Rwandan National Commission for United Nations Educational, Scientific and Cultural Organisation;	5° le Directeur du Département Sciences et Technologie au sein de la Commission Nationale Rwandaise pour l'Organisation des Nations Unies pour l'Education, la Science et la Culture;
6° uhagarariye Kaminuza n'amashuri makuru;	6° a representative of higher institutions of learning;	6° un représentant des institutions d'enseignement supérieur;
7° uhagarariye amashuri yigisha ibidukikije no kubibungabunga;	7° a representative of conservation and environment colleges;	7° un représentant des écoles ayant les options d'environnement et de conservation;
8° uhagarariye ibigo by'ubushakashatsi;	8° a representative of research institutions;	8° un représentant des institutions de recherche;
9° uhagarariye imiryango itegamiye kuri Leta;	9° a representative of civil society;	9° un représentant de la société civile;
10° uhagarariye Urugaga Nyarwanda rw'Abikorera.	10° a representative of Private Sector Federation.	10° un représentant de la Fédération Rwandaise du Secteur Privé.
Uretse abari muri iyi Komite kubera imyanya	Except those who are members of the Committee	A part ceux qui sont membres du Comité de part

barimo, abandi bayigize bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze, bakagira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

due to their positions, other members shall be appointed by the Order of the Minister in charge of environment for a three (3) year term of office renewable only once.

leurs positions, les autres membres du Comité sont déterminés par l'arrêté du Ministre ayant l'environnement dans ses attributions, pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

Ingingo ya 7: Biro

Hashyizweko Biro ya Komite igizwe na:

- 1° Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kurengera ibidukikije: Perezida;
- 2° Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibyanya birinzwe: Visi-perezida;
- 3° Uhagarariye Komisiyo y'u Rwanda ikorana n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco: Umwanditsi.

Article 7: Bureau

There is hereby established a Committee's Bureau composed of:

- 1° the Director of Rwanda Environment Management Authority: Chairperson;
- 2° the Director of national institution responsible for protected areas: Vice-Chairperson;
- 3° the representative of Rwandan National Commission for United Nations Educational, Scientific and Cultural Organisation: Secretary.

Article 7: Bureau

Un bureau du Comité est mis en place et est composé du:

- 1° Directeur de l'Office Rwandais de protection de l'environnement: Président;
- 2° Directeur de l'institution en charge des aires protégées: Vice-Président;
- 3° Représentant de la Commission Nationale Rwandaise pour l'Organisation des Nations Unies pour l'Education, la Science et la Culture : Secrétaire.

Ingingo ya 8: Utunama dushinzwe ibibazo byo mu rwego rwa tekini

Kugira ngo itunganye gahunda yayo y'ibikorwa, Komite yigabanyamo utunama dushinzwe ibibazo byo mu rwego rwa tekini. Utwo tunama dushobora kwiyambaza impuguke zo hanze zizobereye mu kibazo kirimo kwigwa.

Article 8: Technical Sub-Committees

In order to implement its plan of action, the Committee shall form Technical Sub-Committees. The Sub-Committees may take on external experts, specialised in a field under examination.

Article 8: Sous-comités techniques

Pour bien conduire son plan d'action, le Comité s'organise en sous-comités techniques qui peuvent s'adjoindre des experts externes, spécialistes dans la matière en étude.

UMUTWE WA III: IMIKORERE

Ingingo ya 9: Imikorere ya Biro

Perezida atumiza kandi akayobora inama za Komite n'iza Biro. Mu mirimo ye, afashwa na Visi-Perezida umusimbura iyo yasibye cyangwa atabonetse.

Umwanditsi ategura inyandiko z'inama za Komite n'iza Biro kandi akazikorera inyandikomvugo.

Biro iterana rimwe buri mezi atatu kandi ishinze kugenzura ishyingira mu bikorwa rya porogaramu yerekeye umuntu n'indiri y'ibinyabuzima mu Rwanda no gutegura inama za Komite.

Biro ifata ibyemezo byihutirwa bigamije gutuma Komite yuzuzwa neza inshingano zayo nyuma y'uko inama irangira na mbere y'uko indi iterana. Ibyo byemezo bishyikirizwa Inama ya Komite itaha kugira ngo ibyemeze.

Ingingo ya 10: Inama za Komite

Komite iterana mu nama isanzwe kabiri mu mwaka itumijwe na Perezida wayo cyangwa mu nama zidasanzwe bisabwe na Biro cyangwa na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). Cyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri, iterana hatitawe ku mubare

CHAPTER III: FUNCTIONING

Article 9: Functioning of the Bureau

The Chairperson shall convene and chair the meetings of the Committee and those of the Bureau. The Vice-Chairperson shall replace the Chairperson and assist him/her in his/her duties in case of absence.

The Secretary shall prepare working documents and minutes of the meetings of the Committee and of its Bureau.

The Bureau shall meet once a term and shall be in charge of supervising the implementation of Man and Biosphere programme in Rwanda and preparing meetings of the Committee.

The Bureau shall take urgent decisions for effective fulfilment of its responsibilities after the meeting and before the other meeting convenes. Such decisions shall be submitted to the Committee meeting for approval.

Article 10: Committee meetings

The Committee shall meet twice a year in its ordinary session, convened by its Chairperson or in its extraordinary meeting upon request by the Bureau or by two thirds (2/3) of its members.

The quorum required for the meeting to be held shall be two thirds (2/3). However, if the meeting is convened for the second time, it shall be held

CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT

Article 9: Fonctionnement du Bureau

Le Président convoque et préside les réunions du Comité et celles du Bureau. Dans ses attributions, il est assisté par le Vice-Président qui le remplace en cas d'absence ou d'empêchement.

Le Secrétaire prépare les documents de travail et élabore les procès verbaux des réunions du Comité et ceux du Bureau.

Le Bureau se réunit une fois par trimestre et est chargé de superviser la mise en œuvre du programme Homme et Biosphère au Rwanda et de préparer les réunions du Comité.

Le Bureau prend les décisions urgentes pour le bon fonctionnement du Comité entre deux sessions. Ces décisions sont soumises à l'approbation du Comité lors de sa plus proche réunion.

Article 10: Réunions du Comité

Le Comité se réunit en session ordinaire deux fois par an sur convocation de son Président ou en réunion extraordinaire à la demande du Bureau ou de deux tiers (2/3) de ses membres.

Le quorum pour que la réunion puisse se tenir est de deux tiers (2/3). Néanmoins, à la deuxième convocation de cette session, la réunion a lieu

w'abayigize bahari.

Gahunda y'ibygwa mu nama, italiki n'aho izabera bigenwa na Biro kandi bikamenyeshwa abagize Komite mu ibaruwa ibatumira nibura ibyumweru bibiri (2) mbere y'umunsi inama iteganyirijweho.

Ingingo ya 11: Ingingo y'imari na gahunda y'ibikorwa

Kuri buri mwaka w'ingingo y'imari, Komite igeza kuri Minisiteri ifite ibidukikije mu nshingano zayo gahunda yayo y'ibikorwa n'ingingo y'imari ikenewe. Yoherereza kandi iyo Minisiteri raporo y'ibikorwa by'umwaka ubanziriza uwo, hamwe n'imishinga n'ibyemero by'ingenzi byafashwe, bigomba kohererezwa inzego z'Igihugu n'inzego mpuzamahanga za porogaramu yerekeye umuntu n'indiri y'ibinyabuzima. Igenera kandi kopi Komisiyo y'u Rwanda ikorana n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuko n'ibindi bigo bihagarariwe muri Komite.

Minisiteri iha Komite amafaranga n'ibindi bikoresho bya ngombwa kugira ngo yuzuze inshingano zayo neza.

Ingingo ya 12: Ibihabwa abitabiriye inama

Iyo habaye inama ziteganyijwe n'amategeko, abagize Komite bahabwa agahimbazamusyi nkuko biteganywa n'amategeko ariho kandi akurikizwa

regardless of the number of members present.

The Bureau shall determine the agenda, the date and venue of each meeting and specify this in a letter of invitation to be sent to participants at least two (2) weeks before the date of the meeting.

Article 11: Budget and Plan of Action

For each financial year, the Committee shall submit to the Ministry in charge of environment its plan of action as well as the necessary budget. It shall also submit to the Ministry the activity report for the previous year as well as important projects of significant decisions taken which should be submitted to national and international organs of Man and Biosphere program. It shall, also reserve a copy to Rwandan National Commission for United Nations Educational, Scientific and Cultural Organisation and other institutions represented in the Committee.

The Ministry shall provide the Committee with financial and material resources necessary in order to fulfill its commitments.

Article 12: Sitting allowances

In case of statutory meetings, the Committee members shall entitled to sitting allowances in accordance with the relevant national legislation in

quel que soit le nombre de membres présents.

L'ordre du jour, la date et le lieu de chaque session sont fixés par le Bureau et spécifié dans la lettre d'invitation au moins deux (2) semaines avant la date prévue pour la tenue de la réunion.

Article 11: Budget et programme d'activités

Pour chaque exercice budgétaire, le Comité présente au Ministère ayant l'environnement dans ses attributions son programme d'activités ainsi que le budget nécessaire. Il lui soumet également le rapport d'activités de l'année écoulée ainsi que les projets et les décisions importantes prises à soumettre aux instances régionales et internationales du programme Homme et Biosphère. Il en informe par la suite la Commission Nationale Rwandaise pour l'Organisation des Nations Unies pour l'Education, la Science et la Culture et les autres institutions représentées dans le Comité.

Le Ministère ayant l'environnement dans ses attributions met à la disposition du Comité les ressources financières et matérielles nécessaires pour son bon fonctionnement.

Article 12: Jeton de présence

A l'occasion de leurs réunions statutaires, les membres du Comité bénéficient des jetons de présence conformément à la législation nationale

muri uru rwego.

Ingingo ya 13: Amategeko ngengamikorere

Komite ishyiraho amategeko ngengamikorere ayigenga.

Ingingo ya 14: Guhuza ibikorwa

Imirimo ya buri muni ya porogamu yerekeye umuntu n'indiri y'ibinyabuzima ikorwa n'abakozi bahawe akazi n'Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije, hagendewe ku bikurikizwa mu itanga ry'akazi ku bakozi ba Leta.

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

Ingingo 15: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Ibidukikije n'Ubutaka na Minisitiri w'Uburezi basabwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo 17: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

force.

Article 13: Internal Rules of procedure

The Committee shall adopt its Internal Rules of procedure.

Article 14: Coordination of activities

The Man and Biosphere Programme daily activities shall be executed by staff appointed by Rwanda Environment Management Authority through normal public service recruitment procedures.

CHAPTER III: FINAL PROVISIONS

Article 15: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Environment and Lands and the Minister of Education are entrusted with the implementation of this Order.

Article 16: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 17: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

en vigueur en cette matière.

Article 13: Règlement d'ordre intérieur

Le Comité arrête son règlement d'ordre intérieur.

Article 14: Coordination des activités

Les activités quotidiennes du programme Homme et Biosphère sont coordonnées par un personnel recruté par l'Office rwandais de protection de l'environnement selon les procédures de recrutement des agents de la fonction publique.

CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES

Article 15: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de l'Environnement et des Terres et le Ministre de l'Education sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 16: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 17: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 51 of 20/12/2010

Kigali, kuwa 13/12/2010

(sé)

MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

KAMANZI Stanislas
Minisitiri w'Ibidukikije n'Ubutaka

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 13/12/2010

(sé)

MAKUZA Bernard
Prime Minister

(sé)

KAMANZI Stanislas
Minister of Environment and Lands

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 13/12/2010

(sé)

MAKUZA Bernard
Premier Ministre

(sé)

KAMANZI Stanislas
Ministre de l'Environnement et des Terres

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux